

RWANDA

RESONANCE



Rédacteur en Chef:

NTAWUYIRUSHINTEGE Bonifac
(Oncle NTA'GE Bony)
(O.N.T.B.)



**Bimensuel
Indépendant**

N° 030


B.P. 1036
Tel.: 7 2469

100 Frw

15 septembre 1993

**TWAGIRAMUNGU YINJIRANYE IMANZA
Z'UBUNYONI MU BUTEGETSU BW'IGIHUGU
ZIMUSHAKAMO AMAFARANGA 113.483.995 FRW**

**MDR IKOMEJE KUGUNDAGURANA N'AMAYERE
AVANZE N'UBUNYONI Y'UWAHOZE ARI PEREZIDA
WAYO.**



(Kuwa gatanu tariki ya 10/9/1993, mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali byari bishyushye).

KWIYUNGA BIVUGA IKI ?

Agaco kagize MDR (Twagiramungu Dissidence) kamaze kumva no kumenya ko ibintu bigeze iwa Ndabaga, ko Intambara kashoje ya MDR ngo na Parmehutu kabifashijwemo n'Ikinani na PSD ya GATABAZI (tuziho twese ubu CDR : reba mu muryango we, urebe n'ibyo yakoreye Impunzi mu Mutara muri (1983) ndetse ko hari na bandi bataruhije bakekwa (Kameya,

Kagame---) itazakagwa amahoro, katangiye kutumena amatwi n'ijambo "Kwiyinga" Ubundi iri jambo rivuga iki ? Uko mbibona, rivuga kwibagirwa ibyabaye, mugashyira hasi maze mukababarirana, buri wese akarahira kutazasubira amakosa (agomba gushyirwa ahagaragara, nécessairement) yakoze. Maze uwunga abo bantu kuko iteka agomba kuba ahari, akabanyweshwa Igihango. Bamara kubitaha, ubwo bakaba bariyunze. Mbese bigakurikira inzira. Umusaza GITERA ashaka ibisobanuro by'Ikinani cyakangatiraga imbere y'abanyabutare muri 1974

kivuga ngo Abahutu n'Abatutsi bariyunze. Gitera ati : "Biyunze ryari kandi hehe, ninde wabanywesheje Igihango? Ko twese uko turi aha ntawabimenye ngo tube twaravugije Impundu ? Ibisubizo uwo Musaza yahawe n'Igitugu cyinshi byahise byerekana ko, Ikinani kitunvaga ibyo kivuga cyangwa ko kibeshya (cyari kigitangira). Ubundi abahanga benshi bemeza ko Kwiyinga muri Politiki bitabaho iyo urebye amateka y'isi yose, kabone n'iyi wakubahiriza iriya mihango yose. Uti kuki se biruhije ? Nuko muri Politiki iyo ukoze igikorwa iteka, cyane cyane iyo wize byinshi, uba uzi neza ko ari kiza cyangwa kibi, uzi n'inyungu uza gikuramo, bityo ukaba wiyemeje rugikubita ingaruka zizabivamo nko kuba nuramuka utsinze, uzarikoroza ku Banzi bawe (dore ko abo bese bashwanira ibya Politiki bitwa "les ennemis politiques", Ntarindi jambo "Science politique Contemporaine irabona kugeza ubu).

MURI MDR SE BAZABIGIRA BATE ?

Ntakundi byagenda, keretse ukurikije ariya mategeko y'ubwiyunge twavuze haruguru. Ni ukuvuga ko abiyise "MDR ikora politiki yo hejuru" n'abiswe Aba Parmehutu bazumvikana ku mazina

y'abazabunga ku matariki n'ahantu bazahurira. Byamara kwemeranwaho, buri gice kigasobanura ibyo cyakora.

1) MDR Twa..... ivuge niba ibyo yakoze aribyo cyangwa niba ataribyoye. Ahangaha bizaruhanya ariko kubera ibyo kunyona ubutegetsu mu buryo bwa Kibandi babifashijwemo n'Ikinani n'abandi banzi bo gupfa ba MDR nka PSD ya Gatabazi, PL ya Mugenzi, FPR ya Kagame, n'izindi nyungu zinyuranye. Bakazasobanura Imibare bahereyeho bavuzwa induru basenya ishyamba ngo bamwe ni MDR abandi ni Parmehutu. Ahandi bizaruhanyiriza ni mu bisobanuro bazatanga kuri buriya bu - Parmehutu bihaye kuvugiriza induru bataramenya neza niba buriho koko, n'ingufu zabwo mu gihugu - Bagatangira kuvuza iya bahanda nta shingiro ifatika (IMIBARE) bafite kugira ngo bashimishe abanzi bese ba MDR, bityo bikaba byerekana ubuhubutsi bwabo buhishe byinshi birimo Inda mbi n'ubunywewe. Ubunywewe kuko Twagiramungu wari ushinze ako kazi atagakoze ahubwo agahungira mu nzira zoroshye (facilités) : ubundi aba yarashyize ahagaragara projet y'ivugurura rya MDR-Parmehutu, ikagibwaho impaka, hakaboneka abayanga n'abayikunda. Niho yari kwendera maze si ugutuka aba - Parmehutu tukamubwira iki. Niba rero ibyo bitarakozwe azabazwa niba nta yindi mpamvu ikomeye kandi ihishe, yagombaga byanze bikunze kugera kuri buriya ashaka kwita amacakubiri mw'ishyamba, buriya bugambanyi na buriya bunyoni bumunye.

2) Abiswe Aba - - Parmehutu n'abo ibyabo bizabagora ndetse ko ntawe uzi Umubare wabo n'ibitekerezo byabo nyabyo, keretse ibyo bavugirwa na MDR (Twa na PSD.) Ariko ibyo ntacyo, abakora buriya barabamamaza batabishaka! Bazagomba gusobanura igituma bariye Inka z'abandi muri 1959, bakirukana abantu mu byabo bagahungira kandi ahari aho abo bantu bese nta n'umwe wigeze abakura. Bazasobanura niba koko ibyo bakoraga ari révolution cyangwa niba atari gusa ibikorwa by'ububandi n'ubwicanyi. icyo bazasubiza ntawamenya wenda ubwo bazabaza icyo bazira bonyine kandi muri icyo gihe Lunari na Kigeri aribo bakoze

ibibi byinshi birenze urugero ariko bitavugwa kugira ngo ababikoze ababigenderaho n'ubu, n'ababakomotseho bakunde bishime. Bati hari n'Abaporosoma, ubu biyubururiye muri PSD, nabo bagakoze iyo muri Sud. Iby'umutwe Inyenzi wahindutse Inkotanyi nyuma ntawe urivuga n'izina ngo badakanga rutenderi --- Bazarangiza bavuga ko bo atari Aba - Parmehutu nk'abo muri 1959, ariko ko badashobora kubihakana; bazasaba ko niba aribyo, niba wenda hari abakora giparmehutu cyo muri 59, bazavahe ? ntawakwibagirwa ko Abaporosoma bo muri PSD barikoroje n'ubu barikoroza, Abarunari bo ntitwigeze tubabura bakora Kirunari n'ubu turabejeje, Inyenzi zo amateka yazo arazwi, izina zafata ryose. Birumvikana ko ugomba kunga abantu nka buriya atazoroherwa, kuko agatsiko gashaka kwonona Umuryango maze byagakomerana akaba ariko kitanga mu manyama (crier au loup).

ARIKO UBUNDI MDR TWAGIRAMUNGU IGIZWE NABANDE ??

Bavuga ko atari benshi ahubwo ari agatsiko k'Abagabo b'abihanduzwa cumu bazi Ubwenge n'Imibare ihambaye ishobora no kugira icyo yageraho, uretse ko kubera Inda nini n'ikuzo ryinshi, bashaka usanga abo bagabo n'abo Bagore batareba kure.

Uri kw'isonga ni Twagiramungu Faustin, we tumuziye ibigwi ku buryo buhagije. Mw'itegura rya kariya kaduruvayo yashyizemo MDR ku isaha n'itariki aziye wenyine ibanga, yarakuruye yiyegereza Agatha, Gasana, Higiho na hafi n'abanya - Cyangugu bamwe bo muri MDR ari nako ategura PSD (ubundi niyo parti ye nuko byanze ho gato), PL (Kameya, Mugenzi), FPR, Ikinani - Dore izongirwa MDR Twa :

- Uwilingiyimana A. : ni umuhutukazi usanzwe w'ubuzuru bucitse - Spécialité : gufatwa ku ngufu aho ari hose no mu byo akora byose - Exit.

- Gasana Anastase: uburaya bwe muri politiki burazwi n'ubusazi bwe (cfr. Son épouse) iyo avugaga no kuri Radio wumva anuka icyuka mu gifaransa" (une odeur fétide) - Exit.

MDR SI ISHYAKA RY'IBYIHUTURE.

Ntawe uyobewe ko iki gihugu cyacu cyamaze imyaka amagana n'amagana ku ngoma z'abatutsi za giye zisimburanya abami, ari nako zirushanwa mu gukandamiza imbagu y'abahutu. Muri ubwo butegetsi bubi bwa gihake, habayeho abahutu bamwe na bamwe batoneshwaga n'abatutsi. Bene abo bahutu bahitaga bitaza ababyeyi babo n'abandi bene wabo bose. Abatutsi barabibasekaga, ndetse no mu bitaramo bakabacamura ngo ayubusa nta yima akabara : aribyo kuvuga ko bakomezaga kurangwa n'ubutsimbanyi. Kubera iyo mpamvu, abo bahutu ntibigeze bemerwa n'abatutsi, kuko babitaga «IBYIHUTURE».

Muri iki gihe ishyaka ryacu M.D.R. ryajemo ubwiko. Iyo wumvise ibivugwa, ukareba amarorerwa akorwa na bamwe mu barwanashyaka baryo, wasanga hamwe barabaye «IBYIHUTURE». None se iyo bageze aho bagenda bama-gana «Abaparmehutu» kandi aribo bakomokaho, hari aho baba bagana handi ? Ngo baba bashaka gu-shimisha abana b'abatutsi.

Nyamara muri uko kwamagana abaparmehutu, barahindukira bakagenda bigisha ubwabo ko M.D.R. ari ishyaka rikomoka kuri MDR-Parmehutu, uretse ko bata-bivuga beruye. Ese batinyira iki kuvugisha ukuri ?

Kongere ya mbere ya M.D.R. yabaye kuwa 29 na 30 KANAMA 1992 yemeje ko «ISHYAKA MDR-PARMEHUTU RYASHINZWE NA PREZIDA KAYIBANDA RIVUGURUWE». Iyo Kongre ni nayo yashyizeho amategeko agenga ishyaka (Statuts) ari nayo rikurikiza kugeza n'ubu kandi akaba ashingiye kuri Programu ya MDR-Parmehutu. Ingingo ya mbere yayo ivuga ko : «MDR-Parmehutu ivuguruwe, ikaba yiswe M.D.R.». Ibi birumvikana ko uvuze «MDR-Parmehutu ivuguruwe» cyangwa se «M.D.R.», aba avuze ishyaka rimwe. Mu yandi magambo, abize

imibare barushaho kubyumva neza tuvuze tuti : MDR-PARMEHUTU = M.D.R.

Ibyo nta wabihakana, kuko atabona aho abihera : ishyaka rya MDR-Parmehutu ivuguruwe ryakomeje ikirangashyaka cya MDR-Parmehutu, ari cyo «ibendera ry'umutuku n'umukara». Tujya tuvuga kenshi ko MRND y'ubu itigeze yivugurura, kandi koko iyo ushishoje usanga ntacyo yivuguruwe. Nyamara yakoze uko ishoboye kose ihindura ibendera rya MRND ya kera, ifata ibendera rifite amabara mashya. Kuri MDR na MDR-Parmehutu, ibara ry'ibendera ni rimwe rwose. Ubwo rero ushaka kumva arumvise.

None se koko iyo TWAGIRAMUNGU Faustin wahoze ari umurwanashyaka w'imena wa M.D.R. yihandagaza, akamagana abaparmehutu, ariko yarangiza agashyushya abandi barwanashyaka avuga ngo : «ISHYAKA RY'UMUCYO, ISHYAKA RIFITE INKOMOKO, ISHYAKA RYA MAMA, ISHYAKA RYA PAPA, ISHYAKA RYA SOGOKURU, ISHYAKA RYA NYOGOKURU, ISHYAKA RYA DATABUKWE, ISHYAKA RYA MABUKWE, ISHYAKA NYINE ! ISHYAKA ! ISHYAKA YEEE!!! Iryo shyaka aba arata ni irihe rindi ? Ishyaka aba avuga rya SE na NYINA na SEBUKWE na BARAMU BE si MDR-Parmehutu ? Ariko yagera imbere y'abana b'abatutsi agacurika icumu, akarahira ngo si umuparmehutu !! Kugira ngo abatutsi bamukunde !!! None se iyo myifatire itaniye hehe na ya yindi y'IBYIHUTURE ?

Niba rero TWAGIRAMUNGU Faustin n'agatsiko ke barahisemwo kuba IBYIHUTURE, ni bamashe, bamese kamwe : bajye gushinga ishyaka ryabo ritagira aho rihuriye na MDR-Parmehutu, barishakire irindi bendera ritari UMUTUKU n'UMUKARA. Ni bareke indirimbo z'ibiqwi by'abaparmehutu. Oya !!! Nibashinge ishyaka ryabo, maze turere ubakurikira.

Rwose kubona TWAGIRAMUNGU Faustin, utunze umukobwa wa Fondateri wa MDR-Parmehutu, uzi urwo uwo Gregori KAYIBANDA yapfuye n'ubarumwishe, uzi urwo abasangirangendo ba Gregori KAYIBANDA bapfuye n'ubarubishye, uzi neza urwo musanzire wa GAPIYISI Emanueli yapfuye n'ubarumwishe, uzi neza ko musanzire wa wundi NDIMBIRA aheze ishyanga n'uwu yahunze, ibyo byose akabirengaho, akigira IKINANI muri MDR kugira ngo abone uko anywana n'IKINANI HABYARIMANA!!!

Twagiramungu Faustin aranze abaye UMUSHI. Mbese ntacyo arushije mwenewabo NKUNDIYE wategereje incyuro yo mu gitaramo ibwami kugira ngo yibuke urwo SE WAMUBYAYE yapfuye. Twagiramungu Faustin yirengagije aho yagejeje HABYARIMANA, ariko HABYARIMANA we ntazahirengagiza. Twagiramungu Faustin n'akanyu yibagiwe ko yiswe RUKOKOMA kubera umurego yahagurukanye ahirimhanira guhorera SEBUKWE na bagenzi be b'abaparmehutu batikijwe na HABYARIMANA? None arateta agambanira M.D.R. kuri MRND na HABYARIMANA!!! Koko NTIBIMENYA ni umwana w'umunyarwanda !!!

RUBANDA Cyriaque.

IBYIBANO BYE SI IBYA NONE.

Nyuma yaho umusaza NZEYIMANA Isidore arekeye kuba umuyobozi wa STIR, TWAGIRAMUNGU wahakoraga yaje kuba ayyobora by'agateganyo. Reka rero leta ize kwiyemeza guha ikigo Bwana Martini, maze TWAGIRAMUNGU abimenye. Sibwo afashe abakozi ba STIR guhera kuri ba Kigingi, abakubita inguzanyo, abakadere abemerera

amamodoka, abagize inama yubutegetsi abatereta atizigamye, maze muri STIR havuka imbyino yagiraga ngo nta wundi dushaka utari TWAGIRAMUNGU, HABYARIMANA ntiyasanze agomba gushimisha abo bantu ngo bari basanze STIR yaba nk'impozamarira y'abaparmehutu bishwe n'ingoma ya BUCYANA nubwo ngo ntarasobanukirwa.